22140571

International Baccalaureate®
Baccalauréat International
Bachillerato Internacional

**KINYARWANDA A: LITERATURE – STANDARD LEVEL – PAPER 1**
**RWANDA A : LITTÉRATURE – NIVEAU MOYEN – ÉPREUVE 1**
**KINYARWANDA A: LITERATURA – NIVEL MEDIO – PRUEBA 1**

Friday 9 May 2014 (morning)
Vendredi 9 mai 2014 (matin)
Viernes 9 de mayo de 2014 (mañana)

1 hour 30 minutes / 1 heure 30 minutes / 1 hora 30 minutos

---

INSTRUCTIONS TO CANDIDATES

- Do not open this examination paper until instructed to do so.
- Write a guided literary analysis on one passage only. In your answer you must address both of the guiding questions provided.
- The maximum mark for this examination paper is *[20 marks]*.

INSTRUCTIONS DESTINÉES AUX CANDIDATS

- N'ouvrez pas cette épreuve avant d'y être autorisé(e).
- Rédigez une analyse littéraire dirigée d'un seul des passages. Les deux questions d'orientation fournies doivent être traitées dans votre réponse.
- Le nombre maximum de points pour cette épreuve d'examen est *[20 points]*.

INSTRUCCIONES PARA LOS ALUMNOS

- No abra esta prueba hasta que se lo autoricen.
- Escriba un análisis literario guiado sobre un solo pasaje. Debe abordar las dos preguntas de orientación en su respuesta.
- La puntuación máxima para esta prueba de examen es *[20 puntos]*.



© International Baccalaureate Organization 2014

https://xtremepape.rs/

*Andika kuri **umwe** gusa mu myandiko wahawe. Mu gisubizo cyawe ugomba kugira icyo uvuga ku bibazo bikuyobora wahawe.*

**1.**

**Umugore "Nyiramwiza"**

Mbabarira muvandimwe,
Ntugire ngo ndatukana
Ntuka umugore "Nyiramwiza"
Dusangiye umugabo!
Oya rwose oya mama.

Ntukeke ko ururimi rwanjye
Rwashegeshwe n'ishyari
Yego simpakana nsemba
Agashyari karinganiye
Ko ndagafite nk'umuntu.

Ntibiba ari byiza kubeshya,
Twese burya tugira agashyari
Kakuzamo utabishaka rwose
Nk'abazimu babandi bakaze
Batera ubuganga bukomeye.

Mbega nyiramwiza nsangiye
Nsangiye na we umugabo
Wahita umugirira impuhwe!
Amabere yamwumiyeho rwose
Ameze nk'ayizingiye mu rukoba!

Huuu! Benewacu mwe
Bimeze gute ko mbona
Abakecuru b'iki gihe cy'ubu
Bashaka kwitwara rwose
Nk'udukumi dutoduto!

Umugore dusangiye umugabo
Iyo agenda wagira ngo mbese
Ni igicucucucu cye kigenda
Ntushobora kumva na gato
Imirindi y'intambwe ze.

Agaragara nk'uwarwaye
Akaremba igihe kirekire
Mu by'ukuri yarazonzwe
Kuzongwa ibi byo gupfa
Ntajya akora ku munywa!



https://xtremepape.rs/

Ngo mama ntashaka kubyibuha
Ngo muganga yarabimubujije
Erega ngo umugore w'ihogoza
Agomba kuba urudodo nka ba madamu
B'uruhu rwera, shenge rwera de!

N A Ashimwe, *Nyiramwiza wanjye*, Kigali (2007)

(a) Wavuga iki ku buryo umusizi agaragaza imiterere ya "Nyiramwiza"?

(b) Gira icyo uvuga ku buryo umusizi akoresha iminozanganzo cyane ininura muri iki gisigo.



https://xtremepape.rs/

**2.**

**Uguhiga ubutwari muratabarana**

Kera cyane muri umwe mu midugudu y'u Rwanda habayeho umugabo w'indyarya, ubucakura n'amayeri menshi witwa Semuhanuka abyara umuhungu maze amwita Muhanuka. Abaturanyi be baramwangaga kubera ibibazo bitagira urugero yabatezaga yifashishije imitwe ye. Igishekeje ni uko bamwe bibwiraga ko yenda azageraho akareka izo ngeso ze mbi maze akaba umugabo koko ukuze nk'uko n'ubundi yari amaze kuba umusaza. Si uko rero byagenze kuko uko yakuraga mu myaka yarushagaho ahubwo kugira amayeri n'amanyanga utabara.

Maze uyu mugabo abigira akurusho igihe yafataga umwana ubwe yibyariye akamwigisha uburyo azaba umubeshyi nka we. Ni yo mpamvu Semuhanuka yari yaratongereye umuhungu we akiri ikibondo rwose ko ubwenge n'ubuhanga bihebuje ari ukumenya kubeshya.

Bamaze umwanya, umuhungu ajya kwihagarika; asubira mu nzu aza asigasiye umutwe mu biganza bye, ataka cyane rwose aboroga birengeje urugero. Se aramwegera maze aramubaza ati: "Uratakishwa n'iki ko kuva iriya kure numvise induru yabaye ndende wa gahungu we?" Undi aramusubiza mu ijwi ribabaye cyane ririmo amakaraza menshi ati: "Dawe wambyaye we wimbaza ibimbayeho we kuko ninanuye ngakubita umutwe ku ijuru, none dore ndashira ndashira we byo gupfa." Se yitera hejuru mu bicu avuza akamu komongana maze amubaza agira ati: "Mwana wanjye urabeshye ikindi, icyo kiranyagisha ndetse kikaba kinacica umutwe nyiracyo."

Iki kinyoma cyashegeshe Semuhanuka maze yiga umutwe wo kwihimura kuri uwo muhungu we wamubeshye akamwumvisha agasa nk'aho umuhinduye umusazi n'injiji.

Nyuma y'iminsi mike Semuhanuka asaba umuhungu we ko yamuherekeza bakajya guhiga inyamaswa kugira ngo babone akaboga mu ishyamba. Bakimara kwinjira ishyamba rya Manyenya na Magaryi Semuhanuka asaba umuhungu we ko bagabana imirimo n'inshingano. Se yagombaga kwinjira mu ishyamba akajya kuvumbura inyamaswa maze ibihuru arabivuyanga, bigasa nk'aho inyamaswa yazihungabanyije kandi ntazirimo. Umuhungu akazi ke kari ako gutamika umwambi akawufora kugira ngo se navumbura inyamaswa ahite ayihamya ayigarike aho. Nk'umurabyo sinakubwira Semuhanuka yitera mu bicu akamu agakoma umunwa agira ati: "Ngiyo! Ngiyo! Yihamye ntigucike kibondo cyanjye." Umuhungu w'icyeza arirahira ati: "Ndaguhamije sinahamije bike njyewe intwari umuhungu w'igihangange Semuhanuka." Se Semuhanuka wamubeshyaga kuko nta nyamaswa yari yavumbuye, aramubaza ati: "Uhamije iki sha?" Umuhungu aramusubiza ati: "Mpamije icyo uvumbuye dawe."

Nuko Semuhanuka aba atsinzwe atyo mbese asa nk'aho amayeri yamukamanye, ni uko umuhigo urarangiye. Avuga mu ijwi riranguruye agira ati: "Yewe nari niyiziho kuba intyoza mu kubeshya, ariko wowe urahebuje! Ngukuriye ingofero mwana wanjye kuko uri igihangange mu kuvuga ibimyoma!"

R M Mukarutabana, *Gakondo: Ibitekerezo*, Kigali (2011)

(a) Wumva ute abavugwa muri iyi nkuru n'uko ibyo bakora birondorwa?

(b) Ni ubuhe bugeni nyabuhanzi umwanditsi akoresha iyo ashaka gukangura imbamutima z'umusonyi.



https://xtremepape.rs/